# Rwanda-Inkuru y'urupfu rwa Paul Kagame ikomeje kuba urujijo rukomeye mu mitwe y'abanyarwanda benshi!

*Publié le 24 juin 2024 par veritas*

***Mu mataliki yegereye ukwezi kwa Gicurasi (5) umwaka w'2020, niho ku mbuga nkoranyambaga nka Youtube, Facebook na Instagram, umunyepolitiki Padiri Nahimana Thomas, yashyize ahagaragara inkuru itangaje kandi y'incamugongo kuri bamwe ikaba n'ibyishimo ku bandi, iyo nkuru yatumye abantu benshi bacika ururondogoro ikaba yaravugaga ko Paul Kagame, Perezida w'u Rwanda yapfuye! Nahimana yatangiye atangaza iyo nkuru mu kiganiro yagiranye n'umunyamakuru wa France 24, aho yashimangiye ko afite amakuru atari impuha ko uwari perezida w'u Rwanda Paul Kagame yatabarutse; akaba yarakunze gukoresha ijambo rikoreshwa mu rurimi rwo mu gihugu cya Malawi rigira riti: «Anamwalira» (yarapfuye)! Yasobanuye ko kuri we amakuru y'urupfu rwa Kagame ari impamo kuko yayabonye bitewe n'umwanya afite nka «Perezida wa Guverinoma y'u Rwanda ikorera mu buhungiro (GREX) ».***



*Gutandukanya David Ndahiro na Paul Kagame bikomeje kubera abanyarwanda benshi ihurizo rikomeye!*

N**ahimana avugako amakuru y'u**rupfu **rwa Kagame** yayakuye mu **bitaro byo mu Bwongereza, yemeje** ko Paul Kagame yarwaye Cancer y'ubwonko yatumye bushirira. ***Ngo yaguye rero muri ibyo bitaro nyuma ngo umurambo we woherezwa mu bitaro byo muri Israyeli mu buruhukiro***. Yakomeje avuga ko azi neza ko nyuma y'ukwezi, uwo murambo **uzimurirwa** mu Rwanda gushyingurwa yo. Koko nyuma y'ibyumweru hafi 3 **atangaje iyo nkuru**, Umukuru wa GREX (Gouvernement Rwandais en Exil), yavuze ko mu ibanga rikomeye, umurambo wa Paul Kagame wimuriwe mu Rwanda utwawe na Jet Privé **(indege yihariye)** ukaba warashyinguwe mu nzu ye ikoze nka dinosaure (inyamaswa) iba mu ishyamba rya gisirikari rya Gako mu Bugesera. Twibuke ko iyi nzu itangaje koko yubatswe mu bihe bya Covid-19***, ndetse mu bihe inama ya CHOGM*** **(**inama yahuje ibihugu bi**vuga** ururimi rw'icyongereza**)** yaberaga mu Rwanda, P**adiri** NAHIMANA **T**homas **yavuze** ko hakoreshejwe robot **(imashini)** ikoze nka Kagame ikaba ariyo yakira**ga** abashyitsi bakomeye bari baje muri iriya nama.

Icyakora koko muri icyo gihe, amakuru yatangwaga n"ibinyamakuru byo mu Rwanda yavugaga ko mu myiteguro y'iriya nama, P**aul** K**agame** yaragaye muri iriya nzu, abaturage baturiye umuhanda wa Kigali- Nyamata- Gako bakaba baravuze inkuru y'isurwa ry'iyo nzu na Kagame ba**y**ivuye imuzi! Umukuru wa GREX, abajijwe izindi mpamvu simusiga zemeza ko P**aul** K**agame** koko atakiriho**, yagize ati: «*Ngaho niba akiriho niyigaragaze amvuguruze. Niba ahari koko nagerageze asure nibura umudugudu umwe mu mujyi wa Kigali bamufotore, bamufate amashusho natwe tumubone*»**! Dore izindi mpamvu Nahimana yagaragaje **mukwemeza urwo rupfu** muri ibyo bihe:

***1.****Nta rwego na rumwe mu zikomeye mu Rwanda ruzi irengero rye.*

***2.****Ntakiyobora inama ya Guvernoma.Koko icyo gihe hakoreshwaga* ***amashusho ya zoom y'i****nama za Guverinoma, maze Minisitiri w'intebe agashyiraho umukono* ***ku byemezo by'iyo nama*** *mu izina rya Perezida wa Repubulika.*

***3.****Nta biganiro n'abanyamakuru aherutse gukora.*

***4.****Nta karere na kamwe k'u Rwanda Kagame yasuye.*

***5.****Akajagari gakabije mu miyoborere y'igihugu no kurenganya rubanda* ***bitigeze bibaho mu gihe Kagame yabaga agaragara****.*

***6.****Amagambo y'ubwiyemezi* ***no kwishongora*** *yagaragajwe na bamwe mu bayobozi.*

***7.****Kuvuguruzanya mu* ***magambo y'imbwirwaruhame (****discours****)*** *abayobozi bavuga.*

***8.****Amashusho n'inkuru kuri Murandasi zivuga iby'urupfu rwa Kagame zose zarasibwe.*

***9****.Gukoresha abantu batukan****a gishumba ku maradiyo no mubinyamakuru, ibyo bikaba** bitarahozeho mu Rwanda n'ibindi byinshi (…).*

**Nyuma y'ibyo bimenyetso byose, Umunyambanga w'Amerika (USA) Blinken** yaje mu Rwanda yakirwa na **Vincent Biruta (Minafet) aho kwakirwa na Kagame!** Perezida w'u Burundi **Pierre Nkurunziza yitabye Imana, Paul Kagame** ntiyatabara; **i**nshuti ye magara Perezida Magufuri **wa Tanzaniya nawe yitabye Imana,** Paul Kagame ntiyatabara! Inama zikomeye za EAC, CEPGL, **UA** zagiye ziba hakoherezwayo **Vincent Biruta (Minafet)** cyangwa Minisitiri w'intebe **Edouard Ngirente**. Icyakora induru ikomeje kuba ndende mu bitangazamakuru byinshi **kuri iyo nkuru y'urupfu rwa Kagame, abantu benshi** batangiye gushaka kwemera **ukuri kwayo**, **Paul Kagame akaba yarahise aboneka, agirana ikiganiro n'itangazamakuru rya Leta cyari kiyobowe n'umunyamakuru Barore Créophace!**

Iki **kiganiro** nacyo dushingiye ku byo twiboneye kuri televi**ziyo** ya Leta, byagaragaye ko habayeho itekinika rihambaye, ku buryo kwemera ko ari **Paul Kagame** witabiriye icyo **kiganiro** bitari byoroshye. Ni naho umukuru wa GREX afatanyije n'undi mutangazamakuru «Freeman Bikorwa», basobanuye kandi berekana ko ***ikoranabuhanga ryakataje, aho bashobora gufata umuntu uri i Bulayi bakamushyira mu nama iri kubera mu Rugwiro!*** Muri iki kiganiro abanyamakuru babajije uwitwaga ko ari **Paul Kagame** niba koko akiriho, kuko ngo **Padiri** NAHIMANA T**homas** yamubitse, avuga ko yapfuye kera. Uwiswe **Paul Kagame** yasubije ko ***uwo mupadiri wishimira ko yapfuye ashobora nawe kuzisanga i Kigali, nk'uko byagendekeye Paul Rusesabagina***!



FPR yananiwe kwemeza cyangwa ngo ibeshyuze amakuru Nahimana Thomas yavuze ku rupfu rwa Kagame!

Nyuma y'iyi nama Paul Kagame yagaragaye mu misa ya mbere ya Cardinal Antoine Ka**mbanda yabereye mu Ntare Arena no** mu nama ya CHOGM n'izindi zabereye mu Rwanda. P**aul** **Kagame** yongeye gutangira kwitabira inama zo hanze nyuma y'imyaka igera kuri ibiri yari amaze ataboneka! Yagiye yitabira **imikino ikomeye nk'umukino w'amaboko (**Basket**)** yabaye mu myaka ya 2022 kugeza ubu 2024. Nyamara ***kumenya igihe Kagame yagereye muri Stade n'igihe yasohokeye byagiye biba ingorabahizi***. P**aul** **Kagame** yitabiriye ubukwe bw'umukobwa wa Rwigyema, ariko **mu gihe yari ahawe ijambo,** amagambo yahavugiye yatumye abantu bakomeza gushidikanya ko yaba atari we koko**!**

P**aul** **Kagame** yitabiriye zimwe mu nama za EAC, ariko abantu bagakomeza gushidikanya ku ishati ya ***made in Rwanda*** yahoraga yambaye atayihindura kandi asanzwe azwi **nk'umwe mu** bap**e**rezida bazi kw**ambara neza**. Mu mwaka wa 2022, P**aul** **Kagame** yagerageje gusura uturere ahinyuza **inkuru y'urupfu rwe** **Padiri** THOMAS NAHIMANA **yavuze**, gusa ubwo yasuraga Nyamasheke, uwari Ministre Gatabazi yashatse kumwegera, **icyo gihe, abasilikare barinda (GP) Kagame** bari ba**hi**tanye **Gatabazi**, baramushushubikanye cyane**!** ibi nabyo bik**aba byarakomeje** gutera urujijo **mu banyanyarwanda rwo kwemera niba ari Kagame koko babona! Nabamenyesha ko uyu Gatabazi ubu yaburiwe irengero!**

Kuva mu matariki ya 31/3/2024 kugeza ubu mu kwa 6/2024, ***Padiri Thomas NAHIMANA ntaratezuka kwemeza ko PAUL KAGAME yapfuye kera, ko u Rwanda***

***ruyobowe na robot*** **(imashini)**, cyangwa baringa! **Yifashishije imbuga akunda kunyuzaho ibiganiro bye afatanyije n'abo bakorana mu biganiro batanga kuri** youtube «Isi n'Ijuru TV», inama za Guverinoma **yo mu buhungiro (Grex)** ayobora**,** mu biganiro agirana n'ibinyamakuru, mu ngendo za politiki akorera hirya no hino ku isi, ***akomeza kwemeza ko PAUL KAGAME ari nyakwigendera, kandi leta y'u Rwanda ntigire icyo ivuga kuri ibyo atangaza!***

***Abandi bantu nabo babitse Paul Kagame!***

Usibye PADIRI THOMAS NAHIMANA n'**abo bafatanya banyuranye** n'ibindi bitangazamakuru bikorera kuri murandasi nka *Mugheni TV, Bonheur TV, Ipfundo TV, Menya Impamvu TV***,** *Gisovu Kibuye TV* , abenshi bakunze kuvuga ko ari we uyivugiraho yahinduye ijwi bitewe n'imvugo zikoreshwa ho zizwi cyane ku Isi n'Ijuru TV nka Ducane ku maso, Turi ku rugamba, anamwarila, Gusingiza cyane Perezida wa GREX; n'ibindi bitangazamakuru yashinze binyuranye, hari abandi bantu banyuranye bumvikanye mu mbuga nkoranyambaga bemeza badashidikanya ko PAUL KAGAME yatabarutse**, twavuga**:

***1.Abahoze n'abari muri GREX*** : aba bantu ngo bashingiye ku byo perezida wabo Nahimana yabatangarije, bashingiye kandi ku makuru bikuriye mu nda y'ingoma , bemeza ko Perezida PAUL KAGAME yapfuye atazongera kuyobora u Rwanda. Gusa hari abacyura igihe muri iyo Guverinoma yo kuri murandasi bakitandukanya n'**iyo nkuru** itangaje, abandi bagakomeza kuyubakaho.Gusa abagize GREX muri iki gihe, **bakomeje kwemeza iyo nkuru**.



*Idamange Iryamugwiza yavuze amagambo yakoze ku mutima abanyarwanda benshi*

***2.Madamu IDAMANGE IRYAMUGWIZA Yvonne***: Uyu **mudame w'umucikacumu wigaragaje** nyuma y'umwaka Padiri atangaje **iyi** nkuru, nawe yivugiye ko azi neza

ko PAUL KAGAME yatabarutse , maze we mu mvugo ikakaye cyane, asaba abantu bo mu nda y'ingoma cyane cyane ***Kabarebe James*** wahoze ari umujyanama wa PAUL KAGAME mu by'umutekano ubu akaba ari **Umunyamabanga muri Ministeri ya Nduhungirehe (**M**inafet) kugira icyo akora**, Idamange **yagize** ati: «***Shyingura vuba uwo murambo, ese uzakomeza kuwubika mu nzu kugeza ryari?***» Uyu **mubyeyi** yiyemereye we ubwe ko ari mu batunganyije uyu mu**rambo wa** nyakwigendera **u**maze kugezwa i Kigali. Abantu benshi bahise bashimangira iby'amakuru ya PADIRI NAHIMANA **THOMAS kubera** ko bemezaga ko **Idamange n**ta **hantu** na hamwe ahuriye na Padiri **Nahimana.** Nyuma yahise afatwa na RIB arafungwa, gusa amashyirahamwe n'abantu ku giti cyabo bakorera hanze batavuga rumwe na Leta, barasakuje cyane basaba ko yarenganurwa, bitanga ubusa! **Igitangaje kugeza ubu ni uko mu byaha Idamange ashinjwa,** ***icyo kuvugako Kagame yapfuye kitarimo!***

***3.KAYUMBA RUGYEMA:*** Uyu **ni umunyarwanda uri hanze y'igihugu wiyemererako yahoze** ari **umusilikare wa** RDF, **akaba yarabaga mu mutwe u**shinzwe **i**p**erereza**, nyuma a**kaba yarahunze** igihugu **kuko yari ashyigikiye** KAYUMBA NYAMWASA **umwe mubashinze RNC**. Mu ntangiriro z'**iyi nkuru**, uyu **Rugyema** yashimangiye ko kubera imirimo yakoze mu Rwanda azi neza ko PAUL KAGAME yapfuye kera. Nawe asa n'uwunze mu rya Padiri, avuga ko PAUL KAGAME yarwariye mu Bwongereza nyuma yimurirwa mu bitaro byo muri Israeli byitwa IPA. Ibi yabitangaje kuri «Radio TV **I**nkingi» ikorera kuri murandasi n'ubwo nyuma yaho yaje kwivuguruza nk'uko turaza kubibona. Uyu mugabo kandi yatangaje ko amakuru y'uko PAUL KAGAME azapfa yayamenye mu mwaka wa 2017 abibwiwe n'abapfumu ko PAUL KAGAME azarogwa na bene wabo maze akagwa ishyanga.

***4.Abiyita abahanuzi (Abavugiramana):*** abenshi mu biyita abahanuzi bakorera kuri **murandasi (**internet**)** bari hanze y'igihugu na bake bari mu gihugu nabo bavuga ko babwiwe n'Imana ko PAUL KAGAME yapfuye!

***A)Marie Esther MUREBWAYIRE:*** Uyu mu**byeyi** w'umucikacumu uvuga ko yashinze itsinda ry'ABAHISHUWE, ngo yeretswe n'Imana iby'igihe n'ibihe, irangira ry'isi n'imitegekere y'ibihugu bigize ibiyaga bigari. Muri iryo dini rye ***yatangaje ku mugaragaro ko PAUL KAGAME yapfuye kera ko u Rwanda ruyoborwa n'umurambo cyangwa baringa***. Yahanuye kandi ko nyuma y'uru rupfu, **ibihugu by'u** Rwanda, **u** Burundi, Uganda na Kongo (DRC) bizaba ubwami bumwe bufite umwami washyizweho n'Imana atari amatora. Igitangaje ni uko uyu **muvugabutumwa akurikirwa n'abantu benshi barimo a**bahoze ari abanyapolitike bakomeye **bahunze igihugu babaga** mu mashyaka nka MDR **n'amashyaka ubu ari hanze y'igihugu**. Aba **bose** bumvikanye **ku mbuga nkoranyambaga** batanga ubuhamya ko bakiriye agakiza, ko biteguye kuyobora mu bwami bushya bwashyizweho n'Imana. Ngo biteguye kuyobora mu bwami bw'u Rwanda ari Paradizo. Uyu mu**dame** Marie Esther yahanuye ko Imana yamubwiye ko PAUL KAGAME yapfuye kera **ndetse akaba** ya**ra**nashyinguwe!

***B)TWAGIRAMUNGU Fabien( Alias KAVUZANDURU)***: Uyu mugabo uvuga ko atuye kandi abarizwa mu Gisakura hafi y'ishyamba rya Nyungwe mu cyahoze ari Cyangugu,yahanuye mu mvugo shusho izimije ko PAUL KAGAME yapfuye. Ati: «***Intare yarapfuye, hasigaye igishushanyo cyayo*»**. **Abenshi bemeza inkuru y'urupfu rwa Kagame**, bavuga ko abacurabwenge ba Leta **ya FPR bafashe *umugabo witwa David NDAHIRO ufite*** *isura,* ***ingano****, imvugo n'ingendo nk'iby'uwahoze ari PAUL KAGAME*, maze bamwambika imyenda ye, na masque y'umutwe we, baka**ba ba**mukoresha mu nama zitandukanye nka Perezida w'igihugu. Kavuzanduru akomeza avuga ko bazanye uruhu rw'inka barwambika ya ntare yapfuye maze isazi zigakomeza kuza ziyitumaho kuko zizi ko iyo ntare yapfuye. Uyu mugabo yahutajwe bikabije n'inzego z'iperereza arakubitwa arafungwa, nyuma aza gufungurwa ari ko aracyahanura ibikomeye kuri FPR na Leta **yayo!**

***C)UWIMANA Florien (Alias INTUMBI Y'IMBARAGASA)***: Uyu mugabo ngo ni umuvandimwe wa Kavuzanduru, nawe atuye mu Gisakura. Nawe yahanuye iby'urupfu rwa PAUL KAGAME mu mvugo shusho akoresheje amakarita **agira** ati: «**Dore iyi karita ya B**wana yaracitse barayijugunya, ubu hari gukoreshwa Wapili y'ikigarasha kuko Bwana ntayihari». Uyu muhanuzi nawe yifashishije imiyoboro ya Youtube «Bizasobanuka» na «Busafi TV» akaba yaribasiye Leta y'u Rwanda bikomeye mu buhanuzi bwe. *Yaje gufatwa na RIB arafungwa ashinjwa ingengabitekerezo, kwangisha abaturage ubuyobozi no gutangaza impuha, akorerwa iyicarubozo rikomeye*. Atarafungwa yatangaje ko yafatanywe n**a mugenzi we, mugenzi we baramushahura (batema igitsina cye)** aravirirana arapfa, naho intumbi y'imbaragasa bamuhambira k**ilogarama** zirenga 50 ku **bugaboo bwe**, ku bw'amahirwe nti**bw**acika, Imana iramurokora. Mwene wabo twavuze haruguru yatangaje ko bagambaniwe n'umwe mu ba youtubers ukorera kuri Television ikorera mu Rwanda izwi nka BTN. Uyu mugabo afungiye ahantu hatazwi mu Rwanda.

***Icyo abanyapolitiki batavuga rumwe na leta babibivugaho:***

Mu by'ukuri, nta shyaka rya politiki **ritavuga rumwe n'ubutegetsi mu mashyaka aba** hanze **y'igihugu** cyangwa **imbere mu gihugu**, **r**yigeze **ri**tangaza iyi nkuru ku mugaragaro **y'urupfu rwa Kagame**. Ibi bikaba aribyo bikomeza gutuma aya makuru **y'urupfu rwa Kagame** yatangajwe na Padiri Thomas Nahimana ***bayita impuha zidafite aho zishingiye***. Ikindi kandi nta munyepolitiki uzwi wigeze atangaza **ko** yemera cyangwa **ngo** ahakan**e** aya makuru, **ibyo akaba aribyo bikomeza** kubera urujijo **Abanyarwanda benshi!**

***Icyo abadafite aho babogamiye bavuga kuri iyi nkuru:***

Abanyarwanda bakunda gusoma ibitangazamakuru n'abakurikiranira hafi ibya politiki yo mu biyaga bigari babona ko ibyo P**adiri** THOMAS NAHIMANA akomeje gutangaza ari ibinyoma byambaye ubusa kubera ko ngo hari byinshi bigaragaza ko ***perezida w'u Rwanda ariho n'ubwo asa n'uwahinduye imikorere***. Bimwe mu byo bashingiraho bamagana ariya makuru ni uko ngo igitugu, iterabwoba,

ama**gambo** arimo kwishongora no gutukana akiri ya yandi. Ikindi ni ibitero bikomeye akomeje kugaba muri **Congo (**DRC**)** afatanyije n'umutwe **wa** M23, n'ibindi byinshi. Aba bavuga ko P**adiri** THOMAS NAHIMANA yakoresheje iyi turufu kugira ngo**:** ***a) Yamamare b) abone abayoboke, c) no kurangaza abantu***, kandi ibi byose yabigezeho**.**



*Gén. Kazura ni umwe mubasilikare bubashywe kandi batinyitse mu Rwanda, abantu basanga nta wundi wamucishabugufi uretse Kagame!*

***Izindi mpamvu zigaragaza ko PAUL KAGAME akiriho:***

**1.**Kuba ishyaka rye ryaremeye kumugira umukandida uzarihagararira mu matora ateganyijwe muri Nyakanga 2024. Mu by'ukuri dushyize mu gaciro, nta kuntu ishyaka nka FPR ryakwemera kwamamaza robot**(imashini)** cyangwa undi muntu uri kwigana PAUL KAGAME nk'uko Padi**ri yatangaje ko uwo tubona mu muri za** stades, mu mamodoka na cortège ikomeye, mu nama ya Guverinema, mu gutaha ibikorwa remezo,mu nama zikomeye mpuzamahanga, mu kurahiza abategetsi bashya no kwirukana abananiwe,ari uwitwa ***Ndahiro David*** wamamaye nk'umunyarwenya uzi kwigana PAUL KAGAME cyane cyangwa umunyarwenya Atome.

**2.**Kwimura **ingoro y'umukuru w'igihugu** yari mu Kiyovu ikajya i Gacuriro.Ibi nabyo ntibyashoboka ko NYIRAMONGI yemera kwimukana na baringa cyangwa umugabo w'umwiganano.

**3.**Kwitabira ibikorwa byo kwamamaza umukuru w'igihugu byatangiriye i Musanze kuri Stade Ubworoherane tariki ya 22/06/2024. Ibi nabyo tubona ***nta shyaka rifite mu mutwe hazima ryakwemera kuzengurukana uturere twose tw'igihugu robot (imashini) cyangwa Ndahiro David muri masque ya Kagame***

**4.**Kujya kuri Komisiyo y'amatora aherekejwe n'umugore we Jeannette Kagame kwitangira **k**andidature.

**5.**Kwakira abashyitsi bakomeye bo muri Amerika n'u Bulayi, ndetse no kwitabira inama zo hanze zikomeye.Iri tekinika Padiri avuga, umuntu wese uzi neza ukuntu Amerika n'u Bulayi byadusize muri Technology, ntiyatinyuka kurikorera imbere yabo.

**6.**Njyewe wanditse iyi nkuru, nkorera hafi y'umuhanda uva mu Rugwiro ugana ku Kibuga **cy**'indege mpuzamahanga cya Kan**ombe aho buri gihe mbona imodoka ziherekeza perezida** PAUL KAGAME **a**rinzwe cyane zitambuka nk'uko bisanzwe.Nitabiriye imwe mu **mikino y'amaboko (basketball)** ibera «BK Arena» ***PAUL KAGAME yari yitabiriye, naramwiboneye, gusa natangajwe n'uko ntamenye igihe yaziye n'igihe yatahiye***, bituma ngera **aho nanj**y**e** ***ntekereza ko ari itekinika, ko nta Perezida uhari.*** Kuri iki cyumweru taliki ya 23/06/2024, muri mitingi yo kwiyamamaza ***ku Gisenyi abantu barishwe abandi benshi barakomereka bashaka kwegera Kagame ngo barebe ko ariwe koko*****!** ***Reka dusabe Padiri THOMAS NAHIMANA yemere yivuguruze wenda noneho atangaze ko PAUL KAGAME yazutse ntakomeze gushimangira ko ari nyakwigendera***.

*Abandi bantu bateye utwatsi aya makuru ya PADIRI THOMAS NAHIMANA*

**1)**Umucurabwenge ukomeye wa FPR witwa ***Tito Rutaremara*** yabihakanye yivuye inyuma kuri telephone ya P**adiri** THOMAS NAHIMANA. Gusa yamujombye ibikwasi avuga ko ***abahutu kuva cyera bishimira urupfu rw'umututsi ukomeye wapfuye*** atanga urugero rukomeye avuga ko P**adiri** THOMAS NAHIMANA ari mu baseminari bayoboye abandi mu guhamba imitumba igihe Rwigyema yapfaga.

**2)**Ibitangazamakuru byo hanze, ibyo mu Rwanda, ibyigenga n'ibya Leta, byamaganiye kure aya makuru bivuga ko ari impuha mu zindi.

**3)**Kayumba Rugyema bigitangira yashimangiye ko ari impamo kandi ko yari yarabihanuriwe n'abapfumu. Nyuma yaho kuri ya Radio TV Inkingi bavuga ko yashinzwe n'umunyapolitiki Ingabire Victoire; yarivuguruje yemeza ko mzee PAUL KAGAME akiriho n'ubwo ari mu bamurwanya afatanyije n'ibigarasha.

**4)**Abanyapolitiki n'amashyaka atavuga rumwe na Leta iriho bari mu Rwanda, nta na rimwe bigeze bavuga kuri aya makuru ya PADIRI THOMAS NAHIMANA, baricecekeye baryumaho.

**5)**Abahanuzi **bahanurira FPR** (Abavugiramana) bo mu madini atandukanye yo hanze no mu gihugu bahanuye ko Ibyo bagenzi babo bahanuye cyangwa ***ibyo PADIRI THOMAS NAHIMANA yatangaje ari ibyifuzo byabo nk'abatifuriza u Rwanda amahoro***. Icyakora aba bahanuzi bivugwa ko batumwe na Leta y'u Rwanda

batatumwe n'Imana kuko mu mvugo zabo wumva bibereye mu byo kwamamaza FPR n'umukuru wayo aho kuvuga ubutumwa bwiza bwa Kristo.

***Tubona ko aya makuru ya PADIRI THOMAS NAHIMANA aramutse ari impamo koko, uyu mupadiri yaba icyamamare kurusha abanyepolitiki bose babayeho. Ishyaka rya FPR ryakwamamara ku isi yose nk'iryakoze ibitangaza byo gukoresha baringa igihe k'imyaka irenga ine yose.*** Abahanuzi bose babihanuye, bagira ijambo rikomeye mu gihugu , mu madini basengeramo, ndetse no hanze y' u Rwanda.

***Aya makuru ya PADIRI THOMAS NAHIMANA naramuka abaye impuha nk'uko abenshi babivuga, abantu benshi bazamufata nk'umubeshyi washatse kwamamarira mu bidashinga.*** Kizaba **ari igisebo gikomeye kuri we**, kuri GREX ndetse no ku bandi bamushyigikiye bose. **I**bitangazamakuru bye bizahita bitakaza ubuziranenge. Abantu ku giti cyabo bamwiganye bagatangaza ariya makuru, nabo bizaba bigoye kongera kwemera ukuri kwabo. Abahanuzi bose babihanuye bazitwa abahanuzi b'ibinyoma n'ibyo ba**hanuye byose bizateshwa agaciro**, mbese nt**a** jambo bazongera kugira aho basengera.



*Uyu ni Umuhanuzi MAGAYANE*

Nk'umwanditsi w'ibitabo, **nkaba ndi** umuntu usoma ibit**a**ngazamakuru byinshi byo mu gihugu no hanze, **nkaba ndi** umuvugabutumwa, **nkaba narabaye** umuyobozi mu kiswe Leta y'ubumwe, **nkaba** Umuyobozi w'amashuri ukurikirana umunsi ku munsi

politiki y'u Rwanda no mu karere rutuyemo, ***mbona izi nkuru z'uyu musasaridoti zarateje urujijo rukomeye cyane kubera ko zatanzwe n'umuntu wize bikomeye iyobokamana utari ukwiye gukora icyaha cyo kubeshya isi yose.*** Nagira **nti:** Imana (Omniscient) izi byose niyo izaca izi mpaka. Nk'uwasomye kandi ngakurikirana ***ubuhanuzi bwa Magayane*** n'indagu za ***Nyirabiyoro*** na ***Runukamishyo*** uko zasohoye kuri :

***a)****Nkubito y'Imanzi*

***b)****Bwenge Nyakuri*

***c)****Umwungura w'Umushyushya*

***d)****Rusukumo*

***e)****Bihwahwa*

***f)****Na* ***Rwabujindiri rurya ntiruhage****,* ***aho zivuga ku iherezo rya Rwabujindiri, rikaba ritandukanye kure cyane n'ibyo Padiri n'abambari be batangaza***, izi ndagu zivuga ko uyu Rwabujindiri azajegezwa ihembe inshuro 4, akaraswa umwambi w'igishirira na bene nyina mu Bugesera, aho bahanuye ko Rukara rw'igisage azagaruka mu Rwanda ashaje(apfuye); ***kwemera izi nkuru za PADIRI THOMAS NAHIMANA n'abo biyise abahanuzi byangora cyane.*** Reka dutegereze ahari igihuru kizabyara igihunyira!

***Kamanzi venuste***

***Umusomyi wa Veritasinfo mu Rwanda***

**Jkanya :**

Wowe wanditse iyi nkuru, nahamya ndashidikanya ko uwayanditse atitwa Kamanzi Venuste.
Kwandika inkuru ugatinya gushyiraho izina lyawe nabyo ni akaga, kuko abagushima ntibamenya uwo bashima, nabagaya ntibamenya uwo bagaya.
Ndakubwira amagambo Yesu Kriso yavuze kubantu nkamwe :
**« Shyuha cyangwa ukonje nuba akazuyazi ndakuruka. »**
Kubona nyuma y'imyaka irenga **3** hali abanyarwanda cyane cyane abanya politike badashobora kwemeza cyangwa ngo bahakane niba **Paul Kagame** aliho cyangwa yarapfuye birababaje kandi biratangaje. Padiri Nahimana yavuze uko abibona ko Kagame Paul yapfuye, Mme Ilyamugwiza yavuze ko Paul Kagame yapfuye, mwebwe se muzagumya kuvuga ngo aliho , muramubona, ariko ntimwahamya ko aliwe, muzageza lyali ?
Reka mbabwire : **Paul Kagame Anamwalira !!!!!!!!!!!!.**